MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES (MINAGRI)

# IMFASHANYIGISHO KU BUHINZI BW' AMASHU



RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

SEAD Strengthening Education for Agricultural Development

## 1. NI IKI TWAKORA KUGIRANGO IMIRIMA YACU IDUHE UMUSARURO MWIZA?


- Gukoresha imbuto y'indobanure
- Guterera igihe
- Gusimburanya ibihingwa
- Kubahiriza intera
- Gukoresha ishwagara ku butaka busharira
- Gukoresha imborera n'imvaruganda
- Kurwanya isuri
- Kubagara
- Kurwanya indwara n'ibyonnyi.
- Gupimisha ubutaka kugirango umenye imyunyungugu iri mu butaka bwawe

## 2. NI IZIHE NYONGERA MUSARURO, INGANO YAZO N'IBIKORESHO DUKENERA KURI ARI (ARE) IMWE?


| Umurama | Imborera | Ire | NPK 17-17-17 | Inkoni zifite | Agafuniko |
|---|---|---|---|---|---|
| g 5 | Kg 250 | kg 1.4 | kg3 | Cm40<br>Cm 50<br>m1 | 1 ka fanta<br>1 k' amazi |

## 3. NI GUTE INGEMWE ZITEGURWA MU BUHUMBIKIRO?

- Ubuhumbikiro bushyirwa ahantu hatahinzwe amashu n'ibihingwa byo mu muryango umwe nibura ibihembwe 2 bishize hagahingwa ku bujyakuzimu bwa cm 20-30





- Hategurwa umutabo ufite ubugari bwa metero 1 kugeza kuri 1.2 n'uburebure butarengeje m 10, ubujyejuru bwa cm 20.
- Shyira inzira ya cm 40 hagati y'umutabo n'undi. Shyiramo ifumbire y'imborera iboze neza ingana n'amashyi 3-5 yuzuye neza (kg 3-5) kuri metero kare imwe n'imvaruganda NPK 17-17-17 (g 20/m ),bigakorwa bitarenze icyumweru kimwe mbere yo guhumbika.





- Igihe cyo kwinaza, ubutaka buraringanizwa, hagacibwa imirongo yo kwinazamo ifite ubujyakuzimu bwa cm 0.5 kandi itandukanijwe na cm 10-15, hagomba kuba hari cm 2 hagati y' akabuto n'akandi.
- Ugabanya igicucu n'amazi mu buhumbikiro mu gihe cy'icyumweru kimwe cyangwa 2 mbere yo kugemura. Ingemwe ziba zigejeje igihe cyo guterwa mu murima hashize ibyumweru 3-4 nyuma yo kwinaza


## 4. NI GUTE DUTERA AMASHU?

- Gutera ku mitabo izamuye nibura ifite cm 20 z'ubujyejuru na m1.2 z'ubugari n'uburebure butarengeje m 10.
- Imyobo yo guteramo ifite ubujyakuzimu bwa cm 15-20, intera ishyirwa hagati y'imirongo ni cm 40 na cm 50 hagati y'urugemwe n'urundi.
- Shyira mu mwobo urushyi 1 rw'ifumbire y'imborera iboze neza
- Nyuma y'icyumweru uteye, shyira kuri buri rugemwe NPK17-17-17 yuzuye agafuniko 1 k'icupa ry'amazi
- Nyuma y'amezi 2 uteye; wongeraho ire yuzuye agafuniko ka fanta. Iyi fumbire ishyirwa ku muzenguruko w'urugemwe aho imizi igarukira.







## 5. NI IYIHE MIRIMO Y'INGENZI IKORWA MU GUKENURA IGIHINGWA CY' AMASHU

- Kubagara
- Gusasira
- Kuvomerera mugihe imvura itari kugwa
- Kurwanya indwara n'ibyonnyi



## 6. NI GUTE DUFATA NEZA UMUSARURO W'AMASHU?

- Amashu asarurwa hakoreshejwe intoki cyangwa icyuma.
- Ni byiza gusukura amashu agisarurwa agashyirwa mu byiciro by'ubwiza, agapakirwa mu bikoresho byabugenewe bituma umwuka winjiramo neza.
- Nk'uko bigenda ku mboga zose ziribwa amababi,Ni ngombwa kubika amashu agisarurwa ahantu hakonje.







# INDWARA Z'INGENZI N'IBYONNYI BIKUNZE KWIBASIRA AMASHU

## Kirabiranya y'amashu/ Kuma ku mpande z'amababi (Black rot)

- Habanza kugaragara amabara ameze nk'arimo amazi ku mababi nyuma ahinduka ikigina.
- Ayo mabara akenshi agira ishusho nk'iy'inyuguti ya V. Iyo amashu yafashwe n'iyi ndwara atarabumba amababi aruma agahunguka..



### Uko wayirinda

- Gusimburanya mu murima ibihingwa bitari mu muryango umwe n'amashu,
- Kurinda ko mu murima hareka amazi,
- Kubahiriza intera hagati y'ibihingwa: cm60x50cm,
- Gusukura ibikoresho byifashishwa mu buhinzi,
- Gutera imiti irimo copper nka copper oxychloride (garama 37.5= Ibiyiko binini birindwi n'igice (7.5) kuri litiro 15 z'amazi).

### Uko wayirwanya

- Kurandura ibihingwa birwaye cyane kugirango bitanduza ibindi ukabishyira mu kimoteri,

## Mozayike y'amashu (Cabbage mosaic virus)

- Iyi ndwara iterwa na virusi,ku mababi hazaho ibibara by'umuhondo byerurutse, akikunja kandi imiyoboro ikeruruka. Ku mababi amwe n'amwe kandi hazaho ibibara by'umukara. Ibyo bituma ishu rikura nabi. Iyi ndwara ikwirakwizwa cyane n'inda z'ibihingwa.



### Uko wayirinda

- Kurandura ibisigazwa by'amashu mu murima nyuma yo gusarura ukabishyira mu kimoteri.
- Gutera umuti wica inda zikwirakwiza iyo virus.

### Uko wayirwanya

Nta muti igira.

## Inda z'amashu /Ubuhunduguru/ (Aphids)

- Inda ku gihingwa cy'amashu zikunze kuba zifite amabara atandukanye (icyatsi, umukara) zinyunyuza amababi bigatuma yikunja agata isura, kandi agacika intege.
- Inda kandi zikwirakwiza indwara z'amavirusi. Izi nda zikunze kugaragara cyane mu gihe cy'izuba.



### Uko wazirinda

- Gutera amazi afite ingufu ku mababi y'ishu kugirango zihunguke mu gihe cy'izuba
- Kudahohotera udusimba turya izo nda nk'udusurira n'amavubi,
- Gukikiza umurima w'amashu uruzitiro rw'ibigoli kubera ko inda zibikunda ntizihite zijya ku mashu.

### Uko wazirwanya

Kurwanya inda z'ibihingwa hakoreshwa amazi cyangwa imiti yica udusimba nka abamectin (10ml muri 20l z'amazi) na acetameprid (10ml muri 15l z'amazi).

## Nyamwihina (Cabbage looper)

- Ubu ni ubwoko bw'ibinyugunyugu bitera amagi, ayo magi akazavamo ibyana aribyo Nyamwihina
- Nyamwihina itungwa n'igihingwa iriho, igenda irya ku mababi ugasanga amababi atobaguye agasigaramo imyenge.



**Uko wayirinda**

- Kugira isuku mu murima hirindwa ko hazamo ibyatsi.
- Guterera igihe



**Uko wayirwanya**

Gukoresha imiti nka Cypermethrin (1ml muri 1l y'amazi) na Lambdacyhalothrin

**Icyitonderwa: Egera umujyanama mu buhinzi akubwire umuti wemewe ku isoko mu gihe cyo gutera umuti**

SEAD is funded by the Netherlands Ministry of Foreign Affairs through the NUFFIC, Netherlands Initiative for Capacity development in Higher Education (NICHE) programme, and implemented through a partnership between Rwanda Development Board (RDB) and Mott MacDonald in consortium with SNV, Delphy BV, Q-point BV, Maastricht School of Management, Stellenbosch University, Delft University of technology and Van Hall Larenstein University of Applied Sciences.



Iyi mfashanyigisho yakozwe ku bufatanye na: MINAGRI, RAB, NAEB, RDB SEAD, UR na IPRC HUYE

Copyright © SEAD, Kamena 2019, Kigali Rwanda